RWANDA RESONANCE

# UMURANGI

Rédacteur en Chef:
NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface
(Oncle NT'A'GE Bony)
(O.NT.B.)

Bimensuel
Indépendant

B.P. 1036
Tél.: 7 2469

100 Frw

N° 016

9 MARS 1993

CENTRE DE FORMATION
B.P. 1389 Kigali
RWANDA
COOP.

## Umunsi w'imperuka

*Benshi mu banyarwanda badashira amakenga abarwanyi bayogoje igihugu bayobowe na HABYARIMANA n'Inkotanyi bibaza niba tariki ya 16 Mata 1993, umunsi Guverinoma ya NSENGIYAREMYE izaba yujuje umwaka batazabubikaho igihu, bikababera umunsi w'imperuka. HABYARIMANA n'abambari be bagiye batinza imishyikirano bagamije kugira ngo iriya tariki izagere. Bizwi kandi neza ko iyi Guverinoma ya NSENGIYAREMYE ivuyeho Inkotanyi zaba zigize Imana ntizongere kwemera imishyikirano. Ubwo akakurikira murakazi.*
*None se ko HABYARIMANA yakomeje kubera icyitso ziriya nkotanyi, muribwira ko kuri iriya tariki atazarindimura Guverinoma akaba kakaba ?!*




*Ubu se twahakana ko ari Inkotanyi, ari HABYARIMANA badatinza imishyikirano babishaka ? Dutegereze akazakurikira ariko abakunzi ba demukarasi bari bakwiye kuba biga ubundi buryo bwazakoreshwa ngo u Rwanda rwoye kongera gusubira mu maboko y'abanyagitugu abo aribo bose.*
*O.NT.B.*

## Rwanda : Amanama menshi, icyizere gike.

## KARAMIRA Frodouald yababwije inani na rimwe

## Umuseminari w'i Rutongo yabaye Gahini

**PERSONNES DEPLACEES.**

4. LES DEUX PARTIES ONT EXPRIME LEUR PREOCCUPATION FACE AU SORT TRAGIQUE SUBI PAR LES PERSONNES DEPLACEES, EN PARTICULIER LES JEUNES ET LES ENFANTS QUI FONT PARTIE DE LA CATEGORIE DES PERSONNES LES PLUS VULNERABLES.

A CET EGARD, LES DEUX PARTIES SE SONT ENGAGEES A ASSURER DE MANIERE SATISFAISANTE LA SECURITE ET LA PROTECTION DES PERSONNES DEPLACEES. ELLES SE SONT EN OUTRE ENGAGEES A ETABLIR DES COULOIRS DE SECURITE DANS LES ZONES DE CONFLIT, AFIN DE FACILITER L'ACHEMINEMENT ET LA DISTRIBUTION DES AIDES D'URGENCE AUX PERSONNES DEPLACEES. ELLES SE SONT ENGAGEES A CREER LES CONDITIONS NECESSAIRES POUR LE RETOUR RAPIDE DES PERSONNES DEPLACEES DANS LEURS BIENS.

5. LES DEUX PARTIES ONT REITERE LEUR APPEL A LA COMMUNAUTE INTERNATIONALE ET AUX ORGANISATIONS HUMANITAIRES AFIN QU'ELLES APPORTENT DES AIDES DE SECOURS ACCRUES AUX PERSONNES DEPLACEES.

**CONCLUSION.**

6. LES DEUX PARTIES ONT EXPRIME LEUR PROFONDE GRATITUDE AU FACILITATEUR, SON EXCELLENCE MONSIEUR ALI HASSAN MWINYI, PRESIDENT DE LA REPUBLIQUE UNIE DE TANZANIE, AU GOUVERNEMENT ET AU PEUPLE TANZANIENS POUR LEUR ENGAGEMENT ET LEUR APPUI AU PROCESSUS DE RECHERCHE DE LA PAIX AU RWANDA AINSI POUR QUE L'ACCUEIL CHALEUREUX ET L'HOSPITALITE CHALEUREUSE DONT ILS ONT ETE L'OBJET.

7. ENFIN, LES DEUX PARTIES ONT EXPRIME LEURS REMERCIEMENTS AU PRESIDENT EN EXERCICE DE L'OUA, S.E MR. ABDOU DIOUF, PRESIDENT DU SENEGAL, AU SECRETAIRE GENERAL DE L'ORGANISATION DE L'UNITE AFRICAINE, LE DR. SALIM AHMED SALIM ET A TOUS LES PAYS ET ORGANISATIONS OBSERVATEURS POUR LEUR SOUTIEN ET LEUR ASSISTANCE INESTIMABLES.

FAIT A DAR-ES-SALAAM, LE 7 MARS 1993.

| POUR LE GOUVERNEMENT DE LA REPUBLIQUE RWANDAISE | POUR LE FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS |
|---|---|
| DR. NGENGIYAREMYE DISMAS<br>PREMIER MINISTRE DE LA REPUBLIQUE RWANDAISE. | COLONEL KANYARENGWE ALEXIS<br>PRESIDENT DU FRONT PATRIOTIQUE RWANDAIS. |

EN PRESENCE DU REPRESENTANT DU FACILITATEUR
(LA REPUBLIQUE UNIE DE TANZANIE)

HONORABLE JOHN S. MALECELA
PREMIER MINISTRE ET VICE-PRESIDENT
DE LA REPUBLIQUE UNIE DE TANZANIE.



*Tumaze kumenya ko muri MDR hari bamwe mu bagize biro Politiki basiba inama kenshi, ndetse ngo bakaba babigirwamo inama na bamwe mu bakuru b'ishyaka baba batinya ko hafatwa ibyemezo ibi n'ibi badashaka.*
*Birababaje. Twiyemeje kujya tubikurikirira hafi, ndetse byaba ngombwa tukajya tubagezaho amazina y'izo nyanga birama zishaka gusenya ishyaka rya rubanda, maze ababatoye bakazabakanira urubakwiye, dore ko binavugwa ko hashobora kuzaba Kongre idasanzwe kubera imyifatire ya bamwe mu bayobozi idahwitse. Igihe kandi kirageze cyo gutora kandida Perezida wa Repubulika.*



*Habyarimana n'Interahamwe ze nibagire babise abanyarwanda bazima bitegekere igihugu cyabo*

**Prix NYAMPINGA :** uzuze aka gapapuro uzakazane muri Concert izabe ibiganewe.

Nom et Prénom ....................
*Amazina*

Profession ....................
*Umurugo*

Commune d'origine ....................
*Komini wavukiyemo*

Adresse complète ....................
*Aho ubarizwa*



**Bulletin à remplir et**
**à présenter lors du Concert prévu**
**pour donner les prix NYAMPINGA**

# Amanama menshi, icyizere gike.

Ku wa kabiri tariki ya 2/03 mu Rwanda habaye amanama umurundo. Perezida wa Repubulika yayoboye irimo Minisitiri w'Intebe, uw'Ingabo na ba Chefs d'Etat Major bombi, arongera ayobora irimo Minisitiri w'Intebe, uw'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, uw'Ububanyi n'Amahanga na Minisitiri w'Ubuhinzi. Mu nama ya mbere bibanze ku gushimangira ko imishyikirano ariyo izatunganya ibibazo by'u Rwanda, bamagana inkotanyi ko ibyo zikora bibangamiye inzira ya Demukarasi abanyarwanda biyemeje. Baremeza ko kurinda abaturage b'u Rwanda n'abanyamahanga barubamo ari itegeko, bityo ingabo z'Abafaransa ziri mu Rwanda kubera amasezerano y'ubufatanye u Rwanda rwagiranye n'Ubufaransa muri 1975 bakaba bagomba kuhaguma bagafasha abanyarwanda gukomeza inzira ya Demukarasi. Perezida na Minisitiri w'Intebe kandi barasaba Ingabo gukomera kuri disipuline kandi zikirinda kubogama. Inama ya kabiri nayo yagarutse ku by'imishyikirano yemeza ko ariyo nzira yonyine y'amahoro kandi isaba ko imibonano y'i Dar-es-Salamu Minisitiri w'Intebe yagombaga kujyamo yakumvikana ku kubahiriza amasezerano yo guhagarika intambara, maze iby'imishyikirano bikihutishwa ngo bitarenga uku kwezi kwa Werurwe.

Basabye amashyaka gushyiraho akayo. Bemeranijwe ko ingabo z'u Rwanda zaguma aho ziri, iza FPR zigasubira mu birindiro byazo bya mbere, maze hagati hakajya ingabo z'amahanga, abavanywe mu byabo n'intambara bakahatuzwa. Baboneyeho no kwamagana ibikorwa by'ubugome FPR yagiriye abaturage b'inzirakarengane.

Abanyarwanda noneho ubanza bakangutse, ahari niyo bakibona ko bikomeye. Ubwo abanyamashyaka MDR, PL, PSD na PDC nabo bari bakubutse i Bujumbura ngo kungurana inama na FPR, bo ngo ingabo z'abafaransa nizitahe, kandi n'iz'amahanga zizaza zizibere i Kigali. Kuri bo kandi ngo Jenerali avuyeho birahagije ngo ibibazo byo mu Rwanda bibe bibonewe umuti. Ntawe uzi uko FPR bayibona, ahari wenda yabemereye kutongera kurarikira ubutegetsi. Paul KAGAME yarivugiye hambere ngo ntihazagire ucyeka ko ahenda undi ubwenge.

Nabo bakuru b'abanyamashyaka ubanza bagira ngo abayoboke babo n'impumyi.



TWAGIRAMUNGU NGANGO MUGENZI

*Bite by'iyi «Triumvirat» ko itumva ko iki gitero cy'Inkotanyi cyatumye benshi bareba kure.*

Indi nama yabaye ku itariki ya 2/03 n'iy'amashyaka yemewe mu Rwanda usibye amwe, yagiranye n'abakuru b'amadini. Ubanza ahari ibyo twavuze mu UMURANGI n°15 ko agahenge imbere mu gihugu (trève intérieure) ari ngombwa abantu bakareka guhangana, bakisuganya, bakareba uko barengera igihugu bigiye kugerwaho. Ayo mashyaka n'abanyamadini nabo barifuza ihagarikwa ry'imirwano abantu bagasubira mu byabo. Baramagana FPR yubuye imirwano kandi bagasaba abanyarwanda bose kubona ingaruka mbi z'ifatwa ry'ubutegetsi ku ngufu na FPR bagahaguruka. Barasaba FPR gusubira mu byimbo byayo, hagakorwa imishyikirano. Barasaba abantu bose gushyigikira ingabo kandi bagasaba Guverinoma kuzishakira ibikoresho bihagije no kongera umubare wazo. Guverinoma kandi ikwiye gukangurira abaturage kurengera igihugu (Défense civile).

Ingabo z'Abafaransa ni izo gushyigikirwa kandi u Rwanda rugomba kurega Uganda muri ONU ikaba[...] tanga ingabo zo guhagarara ku[...] ka hagati y'u Rwanda na Uganda[...] banyamashyaka rero n'aba[...] b'amadini biyamye abadindiza im[...] ya Guverinoma, kandi basaba Pe[...] na Minisitiri w'Intebe kutazonge[...] nyuranya mu butumwa bageza ku[...] turage. Amashyaka yashimiye aba[...] b'amadini bayiteguye.

Urebye rero wasanga aba ba[...] mashyaka bacu n'abanyamadini [...] tangiye kumva Inkotanyi icyo zifu[...] gusobanukirwa n'imigambi yazo [...] tyo bakaba baretse guhangana bo[...] te agaciro bakajya muri ka Rukoko[...] gato, bakiga uko barengera igihu[...] Ese iyo umuntu ashobora kuvana [...] liyoni y'abantu mu byabo iminsi [...] gusa, miliyoni umunani nizo zam[...] nira? Ayo mashyaka se n'ariya ma[...] badashoboye kurengera abatura[...] baba bamaze iki? Barabe bumwa[...] bandi bakibeshya rubanda ngo Ink[...] tanyi nta butegetsi zishaka!!

O. NT[...]

---

*Mu magambo Perezida Ikinani amaze iminsi atubwira harimo urujijo. Nawe ati muryame kare, mube maso, mwirinde, mufatanye n'ingabo, umwanzi ntabamenereremo, muvuge rumwe mwese ku ntambara kandi mufate ibyitso. Kuvuga biroroshye koko !*

.. Mu kinyarwanda baca umugani ngo "ihene zisomwa bashiki bazo". Izo mu Nduga zo zigiye kuzongeraho akarusho ko buri gihe MRND na CDR bazajya banyura aho zimanitse cyangwa aho baziziritse. Igihe shederi yiyerekanaga uko iteye mu Cyakabiri, umwe mu bakuru bayo yahugiye mu myiyereko n'amasekurume. Ni akumiro. Umukuru w'ishyaka vrai..ment!!! Nyir'izo hene yabonye zigarutse amahoro akubita ibipfukamiro hasi. Iyo atabigira ngo babasamurire hamwe nazo! Icyo mutazi ni nda nyamwinshi iyo yafashe akariro!!

---

**IBY!TSO BY'INKOTANYI MURI CDR[...]**

Abantu batangiye kwibaza byinsh[...] ishyaka CDR. Abantu bavuga ko ryashi[...] na baramu b'Ikinani kandi bizwi ko bavuk[...] mu Lunari ! Bakeka rero ko ari ishyaka rya[...] rewe kuryanisha abahutu ngo icyuho Inko[...] nyi. Mukurikora kandi barunzemo iby[...] byinshi bya Kanyarengwe ku buryo aba[...] bose bo mu Ruhengeri bari muri CDR us[...] bashyigikiye cyane Kanyarengwe. Muri[...] kandi ihindira ry'Inkotanyi Barahinyura [...] avuye muri FPR agiye muri CDR. Ng[...] Hassani na Kangura ye niho babiduhishe[...] kimwe na Radio ya mwene wabo wa Kany[...] rengwe Nahimana Ferdinand. Ibyo mu Ruh[...] ngeri byo byabaye agahomamunwa, iminsi [...] ke mbere y'uko Inkotanyi zitera kuya 8[...] 1993, Radiyo yari imaze iminsi itubwiye k[...] umujyi ugenzurwa n'Interahamwe n'Impu[...] mugambi. Birumvikana rero ko arizo zavuye[...] ibyitso umujyi ugafatwa. Ahaaa!! Iby'iyi n[...] mbara tuzabisobanukirwa dutinze !!!

# KAGUTA MUSEVENI, ABATUTSI BO MU RWANDA N'U BURUNDI N'IRARI RY'URUHUGU-HIMA-TUTSI (Empire Hamite).

## AK'ABAHUTU KARASHOBOTSE

Intambara ya FPR Inkotanyi ikimara gutangira byatumye abantu benshi batekereza ku kibazo cy'ubwoko ariko cyane cyane ku kibazo cy'Abahutu n'Abatutsi mu Rwanda n'ibihugu byose birukikije. Ibinyamakuru byinshi byagiye bibivugaho bihagije. Isibo N° 3 & 4 yaje kwibanda ku nzozi z'uwo yise GAHIMA udashaka u Rwanda gusa, ahubwo ushaka gukora Uruhugu Hima-Tutsi (Empire Hamite) muri Afurika Umunyamakuru ahereye ku ikarita yerekanwe na Musenyeri Alegisi KAGAME y'aho u Rwanda rwageraga muri 1896 nyuma y'ingoma ya Rwabugiri, yerekanye ko gutera u Rwanda ari intangiriro mu gushaka gukusanyiriza mu Ruhugu rumwe nyine ibihugu by'abami b'abahima byo hambere muri Afurika yo hagati n'iy'Uburasirazuba byarimo u Rwanda, u Burundi, Nkole, Bunyoro, Buganda, Buha n'agapande ka Zayire.

Kwitwaza ikibazo cy'impunzi z'abanyarwanda bavuga ko byari byo byoroshye kugira ngo Gahima ashoze imirwano abe asingiriye Karagwe, Buha, n'u Burundi. U Rwanda ngo barwita akarere «O» rukazaba ariwo ruba Kapitali y'urwo ruhugu azakora ariho ahagurukira ngo afate uturere A-B-C-E n'utundi.

Igitekerezo cy'Uruhugu Hima-Tutsi rero abantu benshi bagishyize ahagaragara bagira ngo ahari abitwa abahutu babone ko byose bishoboka ariko bamwe ari mu mvugo cyangwa se mu nyandiko bateganyaga ko uwo Gahima azakoresha imirwano (La Relève N° 145, Isibo N° 3 & 4) ariko bakibagirwa ko ahenshi yakoresha ibyo kwishyira hamwe nabo barangije kubyumvikanaho, bityo u Rwanda rumaze gufatwa ingufu za Gahima zikaba zahita zikuba inshuro nyinshi cyane cyane biturutse ku Rwanda, u Burundi n'u Bugande, aho bigaragara ko guhuriza hamwe ibitekerezo by'abatutsi bose bitaruhanya.

**ABAGANDE BIBUMBIYE MU IHURIRO RY'ABASHYIGIKIYE DEMUKARASI MU BUGANDE «U.D.C.» (Ugande Democratic Coalition) nabo baradutungira agatoki gatutsi, imigambi ye n'ibikorwa bye.**

Mu nyandiko basohoye muri UDC Newsletter vol. 3 n° 1 abo bagande baba muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika baravuga byinshi ku Butegetsi bwa Museveni i Bugande hamwe n'agatsiko umuntu yakwita akazu ke kagizwe n'abatutsi b'abanyarwanda n'aba Barundi bakomeye cyane muri NRA bakaba kandi abenshi muri bo ari nabo Nkotanyi z'amarere.
Rumwe mu ngero batanga ni uko agatsiko kishe umunyepolitiki witwa Dr Andrew L. KAYIRA kuya 6 Werurwe 1987 umuntu yagereranya na ya Escadron de la Mort y'ino kagizwe n'abatutsi b'Abanyarwanda n'aba Barundi gusa gusa b'ibyegera bya Museveni. Dore uko babivuga : *«Furthermore, a highly place source in the NRA military intelligence informed UDC Newsletter that KAYIRA's murder was engineered by the following NRA Officers at «Operation Square» which is inside Basiima house where they torture and kill detainees regularly :*

— Major Drago NYANZI (Tutsi from Burundi)
— Major BOGERE (Tutsi from Burundi)
— Major Paul KAGAME (Tutsi from Rwanda)
— Major BYEMANO (Tutsi from Rwanda)
— Cpt KAYITARE (Tutsi from Rwanda)
— Lt BEHAKANIRE (Tutsi from Rwanda)

Ngabo ba bantu baje kutubohoza, bahetse ibyaha byo kuba barasahuye imbunda z'ubugande no kuba baramennye amaraso atagira ingano. Bariya barundi n'abanyarwanda rero n'abantu batojwe imirwano n'ubugome kandi bakaba bafite nyine umugambi wo kuzageza bene wabo ku Ruhugu-Hima-Tutsi. Bamaze gufata u Rwanda bashobora guhuza ingufu zabo zose «Burundi-Rwanda-Uganda» bikaba bigiye mu butegetsi bwabo ahasigaye bakareba uko bagura Uruhugu-Hima-Tutsi rwabo.

Nyuma y'imirimo y'imisimbikangwa yo kumugaza no kwica abantu byakorerwaga aho bita «Basiima House», Major KAGAME Paul yakoranaga na Major Kashaija, yagiye kwiga ibya gisirikari i Kansas muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika aho yavuye Museveni akamwohereza kuyobora FPR igahita ishoza imirwano mu Rwanda. Usibye bariya ba Ofisiye b'abatutsi kandi bavuzwe, ngo abandi benewabo benshi bari barize ibya girikare muri Cuba (Kiba) no muri Libiya mbere yo kujya muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Abo kandi nibo bigaga n'uko bazica abarwanya Museveni bose, bakabyigira ahanini muri Libiya.


Photo J. Collet-Van Parys Media.

*Abibwira ko abana b'abatutsi bahagurukijwe no gukina baribeshya.*



**Abagande bagize icyo bavuga ku ikandamizwa bagirirwa n'abatutsi bahita babacakira.**

Nkuko UDC Newsletter ibyandika, Dr Martin KATO MUGAMBWA w'umunyapolitiki yacakiwe n'abantu ba Museveni kuko yari afite ishyaka ryo gukiza Ubuganda igitugu cy'abatutsi. Ngo abatutsi nibo bari mu gisirikare, mu iperereza n'inzego zose zishinzwe umutekano kandi bafite porogramu yo guhindura abanyagihugu abaja. Dr. KATO rero yabisobanuye mu magambo yakuye umutima Museveni n'akazu ke k'abatutsi bahitamo kumuta muri yombi. Inyandiko irerekana ko ngo ibyo aribyo byose yari yaremye agatima abagande bakomeje gukandamizwa ngo n'abo bicanyi b'impunzi z'abatutsi bagereranya n'aba Nazi b'Abadage Abagande badashobora kugumya kwitegeza mu myaka itanu iri imbere. Nkuko rero tubibona, biragaragara ko umuntu yakwibaza niba amarorerwa abatutsi bakoze i Bugande azatugwa amahoro niba badashoboye kuguma ku butegetsi kuko wasanga ibyaha bahakoze bigumya kubarwa ku banyarwanda bose.

**Byaragaragaye ko impunzi z'abatutsi arizo zitegeka Ubugande kandi zikaba ziregwa byinshi.**

Dr KATO n'abagande bararega byinshi abatutsi. Bati Ubugande butegekwa n'abasirikare kandi Minisiteri y'Ingabo ikaba indiri y'abatutsi. Dore uko babatubwira : Yoweri Museveni, Perezida w'igihugu akaba na Minisitiri w'Ingabo, David TINYEFUNZA Ministre d'Etat à la Défense, MBONYE, Secrétaire Permanent, Generali Major Mugisha Muntu, Umuyobozi mukuru w'ingabo, Liyetona Koloneli John MATEKA, Umukuru w'abakozi n'imirimo y'Ubutegetsi, Jim MUHWEZI umuyobozi mukuru w'Imirimo yose y'Iperereza, Major BYEMARO, Umuyobozi w'iperereza rya gisirikare, Patrick KAREGEYA, Umuyobozi w'iperereza, Generali Major Elly TUMWINE, Chef d'Etat Major, Brig. Joram MUGUME, Umukuru w'imirimo y'uburwanyi Brig. Shef Ali, Commandant de la 3ème division, Lt Koloneli John Baptist MULINDWA, Commandant wa 319 BDE, Lt Koloneli MUHANGUZI, Commandant de la 1ère division des Opèrations Lt Koloneli Jacson Bell, Commandant de la 4ème division des opérations, Lt Koloneli John Akanga, Chef de l'Escorte et Garde-Corps des Supérieurs, Major ALOHO, Commandant du 1er Bataillon, Major Dick BUGINGO, Umukuru ushinzwe ibikoresho bya gisirikare, Lt Koloneli Jet, Umukuru ushinzwe ibikenerwa byose mu mirwano, Lt Koloneli Kaazini (uva inda imwe na Museveni, akaba umukuru w'abapiyemu (M P) baba i Makindye. Ngo abasirikare b'abagande bose bagiye bashaka kubabuza kugera ku ntego zabo za gitutsi bahita babica. Muri abo bapfuye baravuga nka Lt Koloneli ODWEYO babeshyeye ubugambanyi akaba ari i Luzira aho ategereje kukabona nyine, akaba atazivana mu nzara z'abishi Mj. Habyarimana uyobora Mobile Police Division, Katambuka undi mwene nyina wa Museveni we na Nsalasata bakaba aribo batware b'ibibi byose bibera muri Gereza ya Luzira yabaye ikirangirire ku isi hose. Bariya bagande bo muri UDC Newsletter banditse ko NRA ifite Brigades zirindwi zose zikaba ziyoborwa kandi zicungwa n'abatutsi. Bataillons zose n'indi myanya ikomeye nibo byagabiwe gusa gusa. Kuri Sekeretariya zihoraho 39, 14 muri zo ni iz'abatutsi zituma ari bo bagenzura byose muri Minisiteri z'ibikonyozi. Abandi benshi barimo ni abagande batanu, n'abacholli bane.


*Tito Rutaremara ati ibyo dukoresha ni ibyo twibye i Bugande.*

**Abashinzwe Iperereza kwa Museveni ni Abasimbikangwa «Killer Squad» (Escadrons de la mort).**

Abagande bararega Paul KAGAME kuba ari umugome cyane. Imyanya ikomeye yose mu nzego za gisirikare, iperereza n'ayo mazu yose akorerwamo ubugome buhanitse ari mu maboko y'abatutsi ba ba bafite ubuhanga bwinshi bakoresha kwica abagande bwazanywe na Paul KAGAME wayoboye inzu y'i Basiima im... ine yose, yica urw'agashinyaguro abagande b'inzirakarengane akoresheje ubu... bw'ubunyamaswa, nko gufata igikapo cya plastiki agahambira ku ijosi ry'umuntu njijemo umutwe agapfa abuze umwuka, kwica abagabo bakoresheje amashanyarazi ku bitsina byabo, cyangwa kubona burundu bakoresheje guhambira urub... runini ku bugabo bwe bikamuviramo ... guta umutwe.
Uburyo buteye ubwoba bundi bakoresha bwiswe «Akandooya» bagahambira amaguru n'amaboko y'umuntu ku mu... ngo akizingazinga bwicishijwe abantu ... renga ibihumbi abandi bagasigara ari ... nimfu. Kumanurira ibitonyanga by'ibipla... tiki bitwitse ku bafashwe. Gusakurisha ... mbunda mu matwi yabo bafashe kugeza ubwo bibatera kutumva amatwi akonore... kara. Kunywesha abo bafashe inkari, amavuta ya za moteri, amavuta yisigwa cyangwa amasabuni. Gukubitisha abafashwe ibikabure bikoreshwa amamashini. Umugabo Opon Ocak ni umwe mu bo KAGAME yakoreye ibya mfura mbi ku bugabo bwe. Ubu ntacyo ashobora kumarira umugore urushinge rwararyamye. ESO na ISO ... shinzwe ubunetsi kimwe imbere ikin... inyuma ya Uganda biraregwa kurig... abarwanya ubutegetsi imbere mu gihugu cyangwa inyuma, kubaroga no kubica. Urugero ni nk'iyicwa rya Serowan na ba... genzi be muri Kenya, n'irogwa rya Sam Se... kaja muri Suwedi.



**Salim Saleh nawe ni inkozi y'amaha-no**

Salim Saleh abanyarwanda benshi bazi ko ngo ari mwene nyina wa Museveni ngo akaba n'umugome butwi ayobora umutwe w'abicanyi wigenga udafite aho wanditse muri Leta, akica abantu abifashijwemo na Kapiteni Segujja, Sgt Ssehinde na Kapiteni Mutebi. Bashinzwe kwica umuntu wese urwanya abatutsi. We n'agatsiko ke k'abatutsi yishe abantu urw'agashinyaguro, abantu benshi muri Kampala, Masaka, Luweero, Mukono, Mubende, Mpigi n'ahandi. Museveni ubwe niwe ubohereza gutsembatsemba abashaka demukarasi y'amashyaka menshi, abatemera ko ishyaka rye NRM ritegeka ryonyine kandi bakarwanya ko Museveni ashyigikira FPR mu ntambara yo mu Rwanda.

**Abatutsi baranaregwa kwigarurira ubukungu bw'Ubugande.**

Nkuko bigaragara mu nyandiko, abantu bo muri UDC barashinja abatutsi kumunga ubukungu bw'Ubugande, biba ibya Leta ntibahanwe. Amamodoka bibisha imbunda bakayakoresha taxi nta kibazo. Umwe muri abo bajura uzwi cyane ni Major Drago Nyanzi. Birukanye ba kavukire aho bari batuye mu Buganda, Ankole, Toro, Bunyoro maze bakahatuza impunzi z'abatutsi bavuye hirya no hino, Mawagola, Kabula n'ahandi abatutsi bihaye ubutaka bw'abaturage.

Abatutsi nibo bagurizwa kugira ngo babone uko biharira byose muri Uganda. Ubwo bukungu bibye nibwo Museveni yakozemo FPR yo kurimbura abanyarwanda. Aha twibutse ko Abagande ntagihe batareze FPR imbunda n'ibindi bikoresho bya gisirikare yibye ikaza gutera u Rwanda none bakubitiyeho ubukungu bw'abandi, n'abantu bishe, bityo tukaba twibaza niba nta nkurikizi u Rwanda ruzagira kuri ariya mahano abatutsi basize i Bugande. Abarega baragira bati FPR ivana muri NRA byose, amafaranga, ibikoresho bya gisirikare, amakamyo, imiti, imyenda, ibiryo n'ibindi byose biva kuri bije (budget) ya NRA iba irimo imfashanyo n'imyenda biva mu mahanga.

70 % by'umutungo w'Ubugande byose bijya mu gisirikare. Birumvikana ko u Rwanda ahubwo rwari Miseke. Kubera rero ngo gushyigikira abatutsi bituma imyanya mu kazi Museveni ayitanga uko abyumva apfa kurengera inyungu zabo gusa maze ubundi ibigo bya Leta bikibwa kakahava. Banki y'Ubucuruzi ya Uganda imerewe nabi kubera imyenda abatutsi bafata yo ntibishyure. Intambara yo mu Rwanda yahagararaite abashefu b'Inkotanyi bifitiye aferi Nka Salim Saleh niwe ugaburira Inkotahyi. Ibyagombye gutunga ingabo z'Ubugande nabyo ibyinshi bigemurirwa Inkotanyi. Ababishinzwe bose ni abatutsi. Jenerali Salim Saleh azenguruka ibigo by'Inkotanyi kabiri mu cyumweru na kajugujugu . ya NRA agenda aziha «Moral». Amasosiyete yahoze ashinzwe, Uganda Blankets Co na Uganda Sacks Suitcase Industry yamariye umutungo wayo muri FPR, kimwe n'ibigurwa mu isosiyete yitwa Mukisa Biscuit na Minisiteri y'Ingabo ngo bigiye muri NRA bahita babyohereza mu bigo bya FPR. Isosiyete yitwa Bata Shoe Co yahombejwe nuko ibyo yakoze byose byafashwe na FPR mu gihe ingabo za Uganda zigendesha amakanya. Ngo intambara ya FPR yahagarara rwose Museveni avanwe ku butegetsi. Birumvikana ko mu muti abanyarwanda bariho bashaka woguhangana n'Inkotanyi habamo no kurega Museveni.

**Dr KATO ararega abatutsi kwica abagande.**

Abasirikare b'abagande nibo bemeza ukuntu abatutsi bica bamwe muri bo. Kuva mu ntambara y'ubunyeshyamba kugeza ubu, Museveni yategetse bariya batutsi nyine bahuje ubwoko kwica umugande wese utabashyigikiye bakoresheje agafuni aribyo bita «Obufuuni» Kera ino aha iwacu mu Rwanda twajyaga twumva bavuga uwahitanye undi ngo yamucuze bufuni, none turasobanukiwe. Ngo i Nakasero rero Basiima, Makindye, Gaba n'ahandi bafungiraga abantu niho ibihumbi by'abagande byagiye byicirwa urwagashinyaguro. Mu bishi b'ibihangange b'i Nakasero harimo David Kasura, Muyimba, Kuviringira, Muhwezi na Katsigazi. Luzira niyo izwimo ubugome bwose abatutsi bakorera abagande. Dr KATO aranarega ko mu bavuzi ba za gereza z'i Bugande hakoreshwa abatutsi bagatera abo badashaka uburozi banakoresheje ibikoresho birimo SIDA.

None isi yose iti Ubugande nibwo bwa mbere ku isi burwaje SIDA tugatangara ! None FPR iti turishakira Minisiteri y'Ubuvuzi ngo nta problème ??? Aha tuboneyeho kwibaza ku nkundura y'urukingo rwa Mugiga iherutse mu rwanda n'u Burundi ? Ibintu birakomeye. Abatutsi bazwi muri ubwo buhanga ni Byarugaba, Mbabazi na Namakuba, Lt Charles Kweziira, Lt William Muhamanya, Lt Charles Kwizera, Lt Willy Wolere, Lt Twah Kangave, Sgt John Galabuzi, Sgt Joseph Odungu, Sgt Bashaija, Sgt John Mugabo, Gideon Toto, Cpt Samuel Byaruhanga umwe mu batware b'Inkotanyi mu Rwanda. Kweziira na Niwamanya nibo bihangange mu gutera HIV (bya SIDA) abarwanya politiki ya Museveni i Luziira.

— Abashatse kuvumbura ibyo bikorwa byose by'abatutsi biswe «akipingamiizi» ariko kuvuga nyine urwanya Museveni n'abantu be, hanyuma ibyabo bikaba birangiye. Ingero sizo zibuze, aba komanda Ahamad Sseguya, Kagwa na Magara Galiho bishwe na Mucunguzi Kamwanamwana na Simba. Yararozwe Major Mogala, baricwa ba Komanda Mugabi, Rubereza na Busagwa. Major Kawesi na Kapiteni Yahaya bishwe n'abatutsi mu mpanuka z'imodoka ziteguwe, naho Major Matovu Major Bbosa na Lt Jimmy Kizito baraswa n'abatutsi. Major Kiiza, Lt Koloneli Kirama, Major Frank Kibuuka, Major Orweli, Kapiteni Namiti, Kapiteni Ssewanyana, Kapiteni Ben Kiwanuka, Lt Faluku Kikubali, Lt Guma, 2lt Ssendijja baguye muri gereza.

Abasoda bagera kuri 260 bose b'abagande bari muri batayo ya 24 na 39 bose barasiwe mu burasirazuba bw'Ubugande,

Bernardo Buza-



*MUSEVENI yambitswe umudari, ba RWIGEMA amapeti.*
*Ab'imbere abashora amabanki, abagiseseka ngo bahabwa amabati, abandi bapfa urwo bagapfuye, imiborogo imaze gucura mu gihugu ati: ndi Ikinani ntako ntagize ngo nshimishe abatutsi.*